# Abatuye mu Murenge wa Rweru baheruka amazi Perezida Kagame yabasuye

Yanditswe kuya **1-08-2016** na **Emma-Marie Umurerwa**



*Nyuma y'igihe kirekire batabona amazi, tariki ya 4 Nyakanga 2016 ubwo basurwaga na Perezida Kagame,abaturage bo mu Murenge wa Rweru bavuga ko ibikamyo byavomeye amazi mu bigenga by'amazi biri mu Kagali ka Batima maze ibyishimo birabasaga.*

Ntibyari bimenyerewe ko amazi bayatandika nk'uko batandika ibijumba, inyanya n'ibindi bicuruzwa, nyamara mu ga 'Centre' ka Batima ho ngo ni ibisazwe gutandika amazi yavomwe mu kiyaga cya Gaharwa , aho ijerekani igura amafaranga y'u Rwanda ari hagati ya 100 na 300.

**Amazi bavomye tariki ya 4 Nyakanga ntibazayibagirwa**

Tuyishime Hassan, twamusanze mu ga 'centre' ka Batima aje kugura amazi. Avuga ko bamaze igihe kirekire batabona amazi meza.

Yagize ati "Inaha ntituzi amazi meza, mu minsi ishize ubwo Perezida Kagame yadusuraga twabonye ibikamyo bivomera amazi mu bigega, twayavomye umunsi umwe ahita ashiramo."

Nyirasafari Domina we yavuze atebya ati "Amazi yazanye na Parezida, asubirana yo nawe, nonese ko umunsi aza aribwo twayabonye, bwacya tukayabura. Ariya mazi yaje tariki ya 4 ni nka kwa kundi uba uziko umushyitsi azagusura ugatera indabo ku muharuro, ugakubura imbuga. Naho ubundi rwose inaha twamenyereye amazi yo mu rufunzo no mu kiyaga cya Gaharwa."

Abahoze batuye ku kirwa cya Mazane na Sharita, batujwe mu mudugudu w'icyitegererezo mu Kagari ka Batima, nabo bavuga ko bafite ikibazo cy'amazi meza, dore ko ngo nabo

bayabonye umunsi uwo mudugudu utahwa na Perezida Kagame, bakongera kuyabona nyuma y'icyumweru kimwe, nabwo akamara amasaha macye.

Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rweru, Rwabuhihi Jean Christophe yavuze ko muri uyu murenge bafite ikibazo cy'amazi meza.

Ati "Dufite ikibazo cy'amazi, ariko si Umurenge wa Rweru gusa ni Akarere kose. Tugira igihe cyacu cyo kubona amazi kubera ko asaranganywa mu bindi bice."

**WASAC yanyomoje abaturage**

Umuyobozi uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amazi, isuku n'isukura mu Karere ka Bugesera, Tuyisenge Vedaste avuga ko amazi abaturage babonye tariki ya 4 atavomwe n'imodoka.

Yagize ati "Amazi twayanyujije mu mpombo zacu ntabwo ari amazi twavomye n'imodoka. Tukimara kubaka ikigega twakoze isuzuma ry'uko gikora neza dukoresheje amazi yavomwe n'imodoka, bucyeye bwaho twohereza amazi meza kugirango turebe ko ahagera hose. Mbere y'uko Perezida aza amazi yari amaze iminsi igera kuri ibiri ahari ndetse no kuri uwo munsi na nyuma yaho umunsi umwe."

Tuyisenge yavuze ko bafite uruganda rutunganya amazi angana na metero kibe 3600 ku munsi mu gihe mu Karere ka Bugesera hakenewe amazi angana na metero kibe 12000 ku munsi.

Ati "Gusaranganya ayo mazi ntabwo byoroshye kandi twari tumaze iminsi duha abo muri Rweru bonyine, hanyuma rero tujya no gusaranganya abandi. Ubu ngubu gahunda ihari muri Rweru nuko amazi bazajya bayabona umunsi umwe mu byumeru bibiri kubera ikibazo cy'amazi adahagije. Ikindi kandi kugirango amazi ave ku ruganda ruyatunganya agere mu Murenge wa Rweru akora urugendo rw'iminsi ibiri."

Abatuye mu Karere ka Bugesera ariko ngo bashonje bahishiwe kuko hari kubakwa uruganda rwa Kanyonyomba biteganyijwe ko ruzajya rutanga amazi angana na metero kibe 5000 ku munsi, hari kandi n'umushinga wo kongera ubushobozi bw'uruganda rwa Ngenda.

Muri Nyakanga 2017, ngo abanyabugesera bazaba babona amazi meza mu mirenge yose.



*Baza kugura amazi nk'abagura ibiribwa*



*Avuye kuvoma mu kiyaga cya Gaharwa amazi yo kugurisha*



*Aho amazi acururizwa*



*Abana baje kuvoma amazi mu kiyaga mu murenge wa Gashora*



*Iyi modoka izaniye amazi meza imiryango ituye mu mudugudu w'icyitegererezo wa Batima*



emma@igihe.rw

**JK :** *Nyamara Ministre w'Intebe aherutse kubeshya Abadepite ko muli* ***2017*** *abanyarwanda* ***100/100*** *bazaba bafite amazi meza.*

## Minisitiri w'Intebe yijeje ko mu 2017 Abanyarwanda bose bazaba bafite amazi meza

Yanditswe kuya **2-08-2016** na **Rabbi Malo Umucunguzi**



*Minisitiri w'Intebe, Anastase Murekezi*

*Minisitiri w'Intebe, Anastase Murekezi, yavuze ko guverinoma y'u Rwanda iri gushyira imbaraga nyinshi mu gukemura ibibazo by'amazi, ariko hari ibitarakemurwa n'ubwo umwaka utaha wa 2017 abanyarwanda bose bagomba kuba bayafite kandi meza.*

Inyigo yakozwe na Minisiteri y'Umutungo Kamere mu 2015 yerekana ko u Rwanda rukoresha metero kibe miliyari 6 826 ku mwaka, aho buri muturage afite nibura metero kibe 670 mu gihe yagakwiye kuba afite metero kibe 1000 ku mwaka.

Ubwo yagaragariza Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi gahunda ya guverinoma ku bijyanye n'isuku n'isukura, Minisitiri w'Intebe, yavuze ko biragaragara ko u Rwanda ruri mu bihugu bifite ikibazo cy'amazi bityo ahari akwiye kubungwabungwa.

Yagize ati "Ingano y'amazi meza akenewe mu mijyi ni metero kibe 257 436 m3 ku munsi, ariko inganda dufite ubu zigaburira amazi mu mijyi no mu cyaro, zifite ubushobozi bwo gutanga amazi meza angana na metero kibe 141 250 ku munsi."

Nubwo hari ahagaragara icyuho, Minisitiri w'Intebe yabwiye abadepite n'abasenateri ko nko mu 2020 inganda z'amazi zizaba zishobora guhaza imijyi yose yo mu Rwanda metero kibe 334 000 ku munsi mu gihe mu 2030 zizaba zitanga metero kibe 428 618.

Ati "Uhereye mu 2010 kugeza ubu na 2017, biteganyijwe ko abanyarwanda bose 100% bagombye kuzaba bafite amazi meza , muri metero 200 mu mujyi cyangwa metero 500 mu cyaro. Bizagerwaho bivuye muri 74.2% mu 2010. Mu gihe mu 2015 twari tugeze kuri 84.8%."

Kuri ubu Umujyi wa Kigali ni kimwe mu bice bifite ikibazo cy’amazi, kuko inganda zihari zitanga metero kibe 90 000 ku munsi kandi ukeneye metero kibe 120 000 ku munsi.

Biteganyijwe ko nyuma yo kongerera ubushobozi inganda z’amazi za Nzove n’izindi zizagenda zubakwa, mu 2017 Kigali izaba ifite metero kibe 145 000 ku munsi, mu 2020 zikagera ku 175 000.





*Perezida wa Sena, Bernard Makuza*





**Amafoto:Luqman Mahoro**